Rwanda Education Board

# Agasaro ka Gasaro



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

Inkuru yo mu kiciro 2 cya kabiri cyo gusoma



# MUMPE URUBUGA NSOME!

## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Agasaro ka Gasaro



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa

**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

IGIRANEZA Celine, yanditse iyi nkuru afite imyaka 9, yiga mu mwaka wa 4 w'amashuri abanza, mu rwunge rw'amashuri rwa Kabgayi B, Akarere ka Muhanga, Intara y'Amajyepfo. Iyi nkuru ye, AGASARO KA GASARO, ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2017/2018.




Gasaro yari afite agasaro keza.



Yabanaga na musaza we Gasore.



Bakiniraga mu rugo iwabo.




Inuma iraza imira ka gasaro.




Gasaro agiye kuyikubita Gasore aramubuza.



Bahitamo kuyitereka mu gitebo gifite imyenge.




Bayihaye amazi iragotomera.
Bayiha n’amasaka iramiragura.



Inuma yituma ka gasaro yamize.




Gasore atora ako gasaro.
Akoza mu mazi meza n'isabune.



Akereka Gasaro arakamuha.
Gasaro ahita ahobera Gasore.



Gasaro akabika neza mu icupa.



Inuma yari yasize abana bayo babiri.
Yari ibabaye irimo guta amarira.




Gasaro na Gasore babona ko ibabaye.
Bibakora ku mutima barayirekura.



Bayirekuye iguruka inezerewe
Iraguguza, gugu, gugugugu!



Inuma ikubita amababa igana iwayo.
Igeze aho ituye abana bayo baraseka.



Inuma ivuga uko yagiriwe neza.
Nuko itoza abana bayo kugira neza.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA